

# RAPORO Y'UMWAKA WA 2022

"Intambwe igana ku mibereho myiza"

actionaid

Published by:

ActionAid Rwanda
KG 107St, Kigali
P. O. Box 3707 Kigali - Rwanda
Telephone: +250 280 300 142 (Landline)
E-mail: actionaid.rwanda@actionaid.org
Website: www.actionaid.org/rwanda
Facebook: aarwanda I Twitter: actionaidrwanda

Uburenganzira bw'ubwanditsi:

Nta mugabane n'umwe w'iyi raporo ubasha gukosorwa, gusubirwamo, guhindurwa, kwiganwa, gusobanurwa, gukopororwa cyangwa gusohorwa mu icapiro n'umuntu uwo ari we wese cyangwa itsinda ry'abantu, batabanje kubiherwa uburenganzira bwanditse na © ActionAid Rwanda.



# Raporo y'umwaka wa 2022

"Intambwe igana ku mibereho myiza"

Iyi raporo ikubiyemo ibikorwa binyuranye ActionAid Rwanda yakoze mu mwaka wa 2022, ibikorwa byo gufasha binyuranye n’ibindi byose twagezeho, ni ku bw’ubufatanye n’imiryango y’abaterankunga batandukanye, tutibagiwe n’uruhare rukomeye rwa Guverinoma y’ u Rwanda.

| IBIKUBIYEMO | | PAJI |
|---|---|---|
| 1. | Ubutumwa bw’abayobozi ba ActionAid Rwanda | 3 |
| 2. | Amakuru yaranze igihugu cy’u Rwanda n’uko gihagaze ubu | 4 |
| 3. | Amakuru ku muryango ActionAid Rwanda | 5 |
| 4. | Uburyo bwo kugera ku mpinduka zitezwe | 5 |
| 5. | Imishinga yatewe inkunga n’ubufatanye n’indi miryango | 5 |
| 6. | Ijambo ry’ibanze | 6 |
| 7. | Intego z’ingenzi ku ngamba z’iterambere | 8 |
| 8. | Ibyagezweho ku ntego zari ziteganyijwe | 9 |
| 9. | Ibyagezweho kuri buri ntego | 10 |
| 10. | Ibindi bikorwa by’ingenzi byakozwe mu mwaka wa 2022 | 11 |
| 11. | Ibikorwa by’ubuterankunga bw’abana | 20 |
| 12. | Imbogamizi twahuye na zo mu mwaka wa 2022 | 20 |
| 13. | Imiyoborere myiza y’umuryango ActionAid Rwanda | 20<br>21 |
| 14. | Uko ingengo y’imari yari ihagaze mu mwaka wa 2022 | 22 |
| 15. | Isomo twigiye mu ishyirwamubikorwa ry’ibyagezweho muri 2022 | 25 |
| 16. | Ingamba n’imyanzuro izakurikiraho | 25 |
| 17. | Raporo y’umugenzuzi w’imari 2022 | 26 |

## UBUSOBANURO BW'IMPINE Z'AMWE MU MAGAMBO YAKORESHEJWE MURI RAPORO

| | |
|---|---|
| AAR: | ActionAid Rwanda (Ikigo ActionAid Rwanda) |
| CSP: | Country Strategic Paper (Inyandiko ngenagamigambi ya AAR) |
| ECD: | Early Childhood Development (Irerero y'abana) |
| GBP: | Great British Pound (Ifaranga ry'Abongereza) |
| GBV: | Gender Based Violence (Ihohoterwa rishingiye ku gitsina) |
| SGBV: | Sexual and Gender Based Violence (Ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'imibonano mpuzabitsina) |

| | |
|---|---|
| SIF 2: | Strategy Implementation Framework (Ingamba z'ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga) |
| LRP: | Local rights Programs (Uduce AAR ikoreramo ibikorwa byayo) |
| (SDGs).: | Sustainable Development Goals (Ingamba za Loni zigamije iterambere rirambye) |
| GMO: | Gender Monitoring Office (Ikigo cy'igihugu gishinzwe gusigasira uburinganire) |
| JADF: | Joint Action Development Forum (Iihuriro ry'abafatanyabikorwa b'iterambere ry'uturere) |

| 43,626 | 28,026 | 15,600 |
|---|---|---|
| Abafashijwe na gahunda za AAR muri 2022 | abagore | Abagabo |

Tunejejwe no kubagezaho iyi raporo y'umwaka wa 2022 twise : "Intambwe igana ku mibereho myiza"

# 1. UBUTUMWA BW'ABAYOBOZI BA ACTIONAID RWANDA

## Twese hamwe mu mugambi wo kurwanya ubukene no kwimakaza ubutabera

Nshuti muvandimwe,

Tunejejwe no kubasangiza raporo y'ibyakozwe na ActionAid Rwanda mu mwaka wa 2022 twise "intambwe igana ku mibereho myiza n'imikorere itera impinduka."

Mu mwaka wa 2022, Twakozemo byinshi bitandukanye bigamije kuzana impinduka mu mibereho ya benshi, byiganjemo kugabanya no kurandura ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa, kwirinda amakimbirane mu miryango, kurwanya inda ziterwa abangavu, Ibikorwa bigamije kurwanya ubukene no kuzahura imibereho y'abantu bakunze kwirengagizwa no gusuzugurwa, guha agaciro, kugabanya no gusaranganya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa. Twatanze imbabura zirondereza ibicanwa n'ibikoresho bibika ibyo kurya bikagumana ubushyuhe igihe kirekire, ibyo bigabanya umwanya abagore batakaza mu gutegura ibyo mu rugo, maze umwanya basaguye bakawukoresha bitabira ibikorwa bibabyarira inyungu no kwiteza imbere. Twashyize imbaraga mu gushaka amarerero abana babasha kwirirwamo bityo ababyeyi bakabasha kwita ku bindi bikorwa byo kwiteza imbere.

Twishimiye kandi kuba abafatanyabikorwa muri gahunda zigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage nko kongerera ubushobozi abakora umwuga w'ubuhinzi, kubongera ubumenyi n'amahugurwa yo gukora ubuhinzi burambye busigasira urusobe rw'ibinyabuzima kandi buhangana n'ihindagurika ry'ikirere. Ibyo byafashije benshi kwihaza mu biribwa, kubona amafaranga ndetse no kuzamura imyumvire ku buringanire n'iterambere rirambye.

Mu rwego rwo gushyigikira ingamba zisanzweho zo kurwanya ubusumbane hagati y'umugabo n'umugore, twakoze ubukangurambaga n'ibiganiro bigamije gusobanurira abaturage gahunda za Leta, aho twaganiriye ku mirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa, ihindagurika ry'ikirere, ubuvugizi ku ihoheterwa rishingiye ku gitsina, twatambukije ibiganiro ku ma radiyo na televiziyo bigamije kwamagana akarengane gakorerwa abagore haba mu rugo, mu nzego z'abikorera no mu mirimo ya Leta.

Nk'ubuyobozi bwa ActionAid Rwanda, tuboneyeho gushimira byimazeyo abafatanyabikorwa, abaterankunga n'abandi twafatanyije kugira ngo ibyo byose bigerweho, kandi twifuza ko mwakomeza kwifatanya natwe muri gahunda zo kuzamura imibereho y'abaturage.

Ntitwasoza tudashimiye abagize inama rusange y'umuryango ActionAid Rwanda, abagize inama nyobozi ndetse n'ihuriro ry'imiryango terankunga ku isi ku bufatanye, ubujyanama n'ubwitange bakomeje kutugaragariza mu mwaka wa 2022. Inkunga yanyu yagize uruhare runini mu shyirwa mu bikorwa ry'ibyo twagezeho byose.



Francoise K. TENGERA
**Board Chair**





Ines MWANGAVU
**Ag. Executive Director**



# 2. AMAKURU YARANZE U RWANDA

U Rwanda ni igihugu giherereye mu burasirazuba bwa Africa, gihana imbibi n'igihugu cy'Ubugande mu majyaruguru, Uburundi mu majyepfo, Tanzania i Burasirazuba ndetse na Repuburika iharanira Demokarasi ya Congo mu burengerazuba.

U Rwanda rwigobotoye mu bihe bigoye ndetse ruhangana n'ingaruka zatewe n'icyorezo cya Covid-19. Kugeza ubu u Rwanda ruhagaze neza mu rwego rw'ubukungu kuko rwazamutseho 7.7% mu mwaka wa 2022 mu gihe rwari rwarazamutseho 10.9% muri 2021 na 3.4 muri 2020.

Ku mateka yaranze iki gihugu, mu mwaka w'1994 habaye Jenoside yakorewe abatutsi ndetse igihugu kirangirika ku buryo bukomeye, ariko u Rwanda ntirwaheranywe n'ayo mateka mabi ahubwo rwariyubatse binyuze mu miyoborere myiza, umutekano ndetse n'igipimo cya ruswa kiri hasi ugereranyije n'ibindi bihugu.

Nubwo u Rwanda rukomeje kuzamuka mu bikorwa by'iterambere n'ubukungu, urugendo ruracyari rurerure; u Rwanda rufite intego yo kuba rubarizwa mu bihugu byihagije binyuze muri gahunda y'igihugu y'impindurabukungu mu gihe cy'imyaka 7 ndetse igahuza na gahunda ya Loni y' iterambere rirambye (SDGs).

Nubwo bimeze bityo hari byinshi u Rwanda rumaze kugeraho mu kuzamura imibereho y'abaturage binyuze muri gahunda ya Leta yo gushyigikira ibikorwa by'iterambere bikorerwa imbere mu gihugu, bityo abaturage bakagira amahirwe yo kubona akazi. u Rwanda rushyigikira ibikorwa by'abikorera ku giti cyabo ndetse n'izindi gahunda zegamiye kuri Leta zigamije iterambere.

# 3.AMAKURU KU MURYANGO ACTIONAID RWANDA

ActionAid yatangiye gukorera mu gihugu mu Rwanda kuva mu mwaka w'1982 nyuma yo kugirana amasezerano y'ubufatanye na Leta. Mu mwaka wa 1986 ku bwumvikane bw'impande zombi, ActionAid yimuriye ibikorwa byayo i Burundi, yongera kugaruka mu Rwanda nyuma ya Jenoside yakorewe abatutsi muri 1994 itangirana n'ibikorwa byo gutabara abari mu kaga, icyo gihe yakoreraga mu gihugu cy'u Rwanda n'Ubugande.

## ICYEREKEZO CYACU

Igihugu kitarangwamo ubukene n'akarengane, aho buri wese yishimira uburenganzira ku buzima buhawe agaciro.

## INSHINGANO YACU

Dukorana n'abantu baba mu bukene twibanda cyane ku bagore n'abakobwa ngo turandure ubukene n'akarengane.

## INDANGAGACIRO ZITURANGA

**Gushira amanga/Gutinyuka**

Twiyemeje gukorera mu mucyo, guhanga udushya no gutinyuka gukorana n'abandi, tugamije kugera ku mpinduka nziza zishoboka, zikumira ubukene, zimakaza uburinganire.

**Kubahana:**

Turangwa no kubahana hagati yacu no guha agaciro ikiremwamuntu aho kiva kikagera n'amaharakwinshi.

**Guha umuntu uburenganzira n'ubutabera akwiye**

Duharanira ko abantu bose bagira uburenganzira bungana, hatitawe ku gitsina. ubwoko, akarere, umurongo wa politiki, imibereho, ubuzima n'imyemerere.

**Guca bugufi**

Duhamya ko turi bamwe mu bagize umuryango mugari urwanya ubukene n'akarengane.

**Ubunyangamugayo no gukorera mu mucyo**

Twiyemeje inshingano zo kugera ku ntego zacu no gukorera mu mucyo mu gufata ibyemezo no guhana amakuru n'abandi.

**Ubufatanye n'abantu baba mu bukene: (Abagore, abana n'urubyiruko)**

Mu kurwanya ubukene, twishyira mu mwanya w'umunyantege nke n'uhezwa, tubongerera ubushobozi ngo abe ari bo batera impinduka.

**Ubwisanzure:**

Ibikorwa n'imikorere yacu, ntibishingira ku myemerere cyangwa umurongo wa politike

# 4. UBURYO BWO KUGERA KU MPINDUKA ZITEZWE

Kugera ku mpinduka birashoboka kandi bishingira ku kongerera ubushobozi abagirwaho ingaruka, bagaharanira, kandi bagaharanira uburenganzira bwabo mu gihe kirambye babinyujije mu kwibumbira hamwe, gushinga amakoperative cyangwa amashyirahamwe.

# UBURYO BW'IMIKORERE YACU

## Imikorere ibungabunga uburenganzira bwa muntu

Dushyira imbere uburenganzira bwa muntu mu bikorwa byacu byose tugendeye ku nkingi eshatu ari zo: **Kongerera ubushobozi abagore, Gukorera hamwe, Gukora ubuvugizi n'ubukangurambaga.**

Hamwe n'imikorere yimakaza uburenganzira bwa muntu, kugendera ku mahame ashyigikira iterambere ry'umugore ndetse no kwimakaza uruhare rw'abafatanyabikorwa bose mu migirire yacu, bituma ActionAid Rwanda irushaho kuzamura ubushobozi bukiri hasi, dushishikariza abagore, abakobwa, ndetse n'amatsinda y'abatagira kivugira kwibumbira mu makoperative, amahuriro n'andi matsinda yo kwisungana kugira ngo bafatanye kunga ubumwe, bongerera imbaraga ijwi ryabo bagamije guhashya ubusumbane, baharanira amategeko akwiye aho batuye, ku rwego rw'igihugu, ndetse no ku rwego mpuzamahanga ari na ko dushyigikira imigirire iha amahirwe akwiye abantu baba mu bukene, kandi bahezwa, duteza imbere uburenganzira bwabo, kugira ngo bave mu bukene bahinduke imbarutso y'impinduka nziza.

## Kongerera ubushobozi abagore

Binyuze mu mahugurwa twongerera ubushobozi abagore, abakobwa ndetse n'abatagira kivugira, bwo kwigeza ku byangombwa by'ibanze n'uburenganzira bw'ibanze, tugaragaza uburyo burambye bwo gutanga serivisi zibungabunga uburenganzira bwabo.

## Gushyira hamwe

Dushishikariza abagore bo mu byaro kwibumbira hamwe no guhura n'abandi bakungurana ibitekerezo. Gukorera hamwe byongera imbaraga, kandi byoroha kubakorera ubuvugizi ku nzego zishyiraho amategeko.

## Gukora ubuvugizi n'ubukangurambaga


Ibi bikorwa ku bufatanye n'inzego zifata imyanzuro kandi zishyiraho politiki haba mu nzego z'ibanze, ku rwego rw'igihugu, mu Karere u Rwanda ruherereyemo no ku rwego mpuzamahanga.



# 5. IMISHINGA YATEWE INKUNGA N'UBUFATANYE N'INDI MIRYANGO

## Uduce ActionAid Rwanda ikoreramo

Mu mwaka wa 2022 ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga ya ActionAid Rwanda ryibanze mu turere dutandatu tw' u Rwanda ari two: **Gisagara, Karongi, Musanze, Nyanza, Nyaruguru na Gasabo**. Twifuza kwagura ibikorwa bikagera no mu tundi turere dutandukanye usangamo ibibazo ActionAid ikunze kwibandaho.




## Ubusobanuro

- Imipaka y'u Rwanda
- Intara
- Uturere
- Imirenge

**Mu karere ka Karongi ActionAid Rwanda ikorera mu mirenge ya :**

1. Gitesi
2. Murundi
3. Rugabano

**Mu karere ka Musanze ActionAid Rwanda ikorera mu mirenge ya:**

1. Shingiro
2. Muko

**Mu karere ka Nyaruguru ActionAid Rwanda ikorera mu mirenge ya:**

1. Ruheru

**Mu karere ka Nyanza ActionAid Rwanda ikorera mu mirenge ya:**

1. Busasamana
2. Rwabicuma
3. Mukingo

**Muri Gisagara , ActionAid Rwanda ikorera mu mirenge ya:**

1. Gishubi
2. Muganza
3. Kibirizi

Hari izindi nkunga ActionAid Rwanda yabonye zigamije kongerera urubyiruko binyuze mu bikorwa bigamije kurwanya no kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'imibonano mpuzabitsina (SGBV). Izo nkunga zakoreshjwe mu turere twa Gasabo na Karongi.

**Mu Karere ka Gasabo:**

1. Umurenge wa Kinyinya
2. Umurenge wa Rusororo

**Mu Karere ka Karongi:**

1. Umurenge wa Rugabano
2. Umurenge wa Gitesi

# Gahunda n'imishinga byakozwe mu mwaka wa 2022

- Gahunda zigamije kuzana impinduka mu gusaranganya, guha agaciro no kugabanya umutwaro uterwa n'imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa.
- Kongerera urubyiruko ubushobozi bwo kurwanya no kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'imibonano mpuzabitsina.
- Gukora ubuvugizi bugamije kongerera ubushobozi abahinzi ngo bakore ubuhinzi buganisha ku iterambere no kwihaza mu biribwa
- Ubushakashatsi mbanzirizamushinga ku ngaruka Covid-19 yagize ku bantu batagira kivugira hagamijwe kubakorera ubuvugizi no kubazamura mu bushobozi.
- Kongerera ubushobozi gahunda zisanzweho muri sosiyete zirwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'imibonano mpuzabitsina.

Turashimira ubufatanye bw'imiryango nterankunga n'abandi bafatanyabikorwa batandukanye ku ruhare rwabo mu kurwanya ubukene, akarengane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Binyuze ma matsinda y'abagore bishyize hamwe n'indi miryango itegamiye kuri Leta iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu, nk'uko intego zacu ziri, twafatanyije mu bikorwa bigamije kurwanya ubukene, kwita ku batagira kivugira, urubyiruko, abana, abagore ndetse n'abakobwa. Ibyo twagezeho byose ni ku bufatanye n'abaturage, imiryango nterankunga itegamiye kuri Leta, imiryango nyarwanda iharanira uburenganzira bwa muntu, imiryango mpuzamahanga iharanira iterambere ry'abaturage n'ibihugu, ibigo by'ubushakashatsi, ibitangazamakuru, amashuri makuru na za Kaminuza, tutibagiwe n'uruhare rukomeye rwa Guverinoma y'u Rwanda.

# Abo twafatanyije gushyira mu bikorwa imishinga muri 2022

Aba ni bo bafatanyabikorwa twafatanyije gushyira mu bikorwa imishinga n'ibindi bikorwa twateganyagaga gukora muri 2022:

Association des Guides du Rwanda | CLADHO | Turere Amahoro (T.A)

# Abafatanya bikorwa bose muri rusange

Muri gahunda zose za ActionAid Rwanda dukorana bya hafi n'abafatanyabikorwa batandukanye, abadufasha gukora ubuvugizi, abadutera inkunga, abashyigikira ibikorwa byacu mu buryo butandukanye, n'abandi batuba hafi mu ishyirwa mu bikorwa ya gahunda zacu, muri bo twavuga:

### Ibigo bya Leta

Republic of Rwanda — Minisiteri y'uburinganire n'iterambere ry'umuryango; Inama y'igihugu yabagore; Minisiteri y'uburezi; Minisiteri y'ubuhinzi n'ubworozi

GMO (Gender Monitoring Office), RIB, RBA, MHC

### Ibigo by'ubushakashatsi na za Kaminuza

UR, IPAR (Institute of Policy Analysis and Research - Rwanda), EPRN (Economic Policy Research Network Rwanda)

### Imiryango itegamiye kuri Leta

Ningo Rwanda, Rwanda Women's Network, Rwanda Religious Leaders Initiative

### Abaterankunga bacu

EU, RGB (Rwanda Governance Board), Vi Agroforestry, People's Postcode Lottery

UNITED KINGDOM | ITALY | GREECE

Turashimira cyane kandi abaterankunga bacu bo muri UNDP, UNWOMEN, EU, Vi-Agroforestry, RGB, Lottery, abaterankunga bacu baturutse mu Butariyani, mu Bwongereza, mu Bugiriki , no mu bihugu byunze ubwe by'i Burayi. Ibyo twagezeho byose ni ku bw'ubufatanye n'uruhare babigizemo.

# 6. INTANGIRIRO

Gahunda y'ibikorwa ActionAid Rwanda yakoreyeho mu mwaka wa 2022 yari ishingiye ku igenamigambi rya AAR icyiciro cya 2 (CSPII 2018-2023). Byari bishingiye kandi ku igenamigambi rya ActionAid mpuzamahanga (SIF2), ndetse n'ingamba za ActionAid mpuzamahanga zishingiye ku gushyiraho ibikorwa by'ubutabera ku isi (Action for Global Strategy for Global Justice 2018-2028). Na none kandi gahunda y'ibikorwa bya 2022 yari yubakiye ku makuru yakusanyijwe mu bafatanyabikorwa ba AAR aho ikorera hose, aho abagenerwabikorwa n'abafatanyabikorwa muri rusange baganiriye bagatanga ibitekerezo ku bikwiye gushyirwa muri gahunda y'ibikorwa by'umwaka. Ibyakozwe byose byari bikubiye muri gahunda AAR yise: Impinduka ziganisha ku iterambere rishingiye ku kwimakaza uburenganzira bwa muntu n'ubutabera. Iyo gahunda yari yubakiye ku ntego nkuru ebyiri ari zo: 1. Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa, kubaha uburenganzira bakwiye mu by'ubukungu.
2. Guteza imbere imibereho irambye n'uburenganzira bwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere kandi rifasha abagore gukora ubuhinzi butanga umusaruro, no kuwubonera isoko ndetse no kwihaza mu biribwa.

Iyi raporo igaragaza iby'ingenzi byakozwe muri 2022 byiganjemo kurwanya ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa rishingiye ku gitsina no kurwanya inda ziterwa abangavu. Iyi raporo kandi igaruka ku bikorwa bigamije kugabanya umutwaro uturuka ku mirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa, ni ku bw'iyo mpamvu twatanze ibikoresho byunganira imirimo yo mu rugo nk'imbabura zirondereza ibicanwa zikanahisha vuba, n'ibikoresho bizigama ubushyuhe ku buryo ibyo kurya bimara umwanya munini bigishyushye. Bifasha abagore guhisha kare bagasagura umwanya wo kujya mu bikorwa bibateza imbere. Twubatse kandi amarerero (ECD) aho abana babasha kubonera uburezi bw'ibanze bwunganira ubwo bahabwa n'ababyeyi. Ibyo bifasha abagore kubona kubona umwanya wo kwitabira ibikorwa byo kwiteza imbere.

Mu bindi byakozwe, twahuguye abagore ku buhinzi burambye, tubaha ibikoresho byo kuhira imyaka mu rwego rwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere, twanatanze amahugurwa agamije kongera ubumenyi ku gukora ubuhinzi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.
Mu rwego rwo kunganira uburyo busanzwe mu kurwanya ubusumbane bushingiye ku gitsina, twakoze ibiganiro-mpaka n'ubukangurambaga bigamije kwigisha, dukora n'ibiganiro bitandukanye kuri Radiyo na Televiziyo byose bigamije gushishikariza abagore n'abakobwa kugira icyo bakora ngo bahagarike ihohoterwa ribakorerwa, kwikenura no guhangana n'ihindagurika ry'ikirere.

# 7. INTEGO Z'INGENZI KU NGAMBA Z'ITERAMBERE (CSP II)

## Intego nyamukuru 1:

**Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa no kubaha uburenganzira bakwiye mu by'ubukungu**

**Intego 1.1:** Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa

**Intego 1. 2:** Guha agaciro, - gusaranganya, no kugabanya imirimo yo mu rugo idahabwa agaciro iharirwa abagore n'abakobwa.

**Intego 1 . 3:** Guteza imbere uruhare rw'umugore n'umukobwa mu miyoborere, ifatwa ry'ibyemezo no gushyiraho politiki.



AAR yafashije abaturage kubaka irerero ry'abana



AAR mu gikorwa cyo kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu gihe cy'iminsi 16

## Intego nyamukuru 2:

**Guteza imbere imibereho irambye n'uburenganzira bwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere**

**Intego 2.1:** Kugira uburenganzira ku butaka, imibereho irambye no kwihaza mu biribwa

**Intego 2.2:** Guteza imbere ubuhinzi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima n'ibidukikije ku buryo burambye

**Intego 2.3:** Kubonera isoko umusaruro no guhabwa serivise z'ishoramali.



AAR yafashije amashyirahamwe y'abagore kubona imbuto n'inyongera musaruro, ubu barishimira umusaruro



AAR yafashije abagore bakora ubuhinzi buciriritse kubona isoko ry'umusaruro wabonetse

# 8. IBYAGEZWEHO KURI GAHUNDA ZARI ZITEGANYIJWE

## Intego nyamukuru 1: | Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa no kubaha uburenganzira bakwiye mu by'ubukungu

| INGAMBA TWARI DUFITE N' UBURYO TWAKOZE | Ibikorwa byagezweho | Intego twari dufite | Ibyo twakoze | Ijanisha (%) ry' uko twakoze |
|---|---|---|---|---|
| Intego 1.1. Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa | • Amahugurwa ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina, uburenganzira ku buzima bw'imyororokere n'amakimbirane mu miryango | 600 | 621 | 103% |
| | • Gufasha ibigo by'amashuri kubona aho gukinira, ubwiherero, icyumba cy'umukobwa n'ibyumba by'amashuri | 27 | 41 | 151% |
| Intego 1.2. Guha agaciro, gusaranganya no kugabanya imirimo yo mu rugo idahabwa agaciro iharirwa abagore n'abakobwa. | • Kubaka amarerero, ibikoni, inzitiro n'ibyumba by'amashuri hagamijwe kugabanya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore | 5 | 5 | 100% |
| | • Imiryango y'abana bafashwa na AAR, yahawe imbabura zirondereza ibicanwa n'ibikoresho bibika ibyo kurya igihe kirekire mu rwego rwo gucungura igihe giharirwa imirimo yo mu rugo iharirwa abagore. | 230 | 270 | 117% |
| | • Gusana umuyoboro w'amazi ku irerero rya Kabaya mu Murenge wa Murundi | 10.00Km | 10.00Km | 100% |
| | • Gufasha abakobwa biga mu mashuri y'imyuga kubona ibikoresho by'imyuga n'ibikoresho byo mu cyumba cy'umukobwa | 413 | 460 | 111% |
| Itego 1.3. Guteza imbere uruhare rw'umugore n'umukobwa mu miyoborere, ifatwa ry'ibyemezo no gushyiraho politiki. | • Mu rwego rwo gushishikariza abagore n'abakobwa kugira uruhare mu bikorwa bishyigikira uburenganzira bwabo, twakoze ingando z'abakobwa, ibiganiro-mpaka, ubukangurambaga, umwiherero w'abana baturutse hirya no hino mu gihugu no gutozwa umuco wo gukorera ku mihigo. | 349 | 200 | 57 % |
| **Intego nyamukuru 2:** | **Guteza imbere imibereho irambye n'uburenganzira bwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere.** | | | |
| Intego 2.1: Kugira uburenganzira ku butaka, imibereho irambye no kwihaza mu biribwa | • Gufasha abagore kugira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo , muri politiki, kugira uruhare ku butaka, kumenyeshwa itegeko rigenga ubutaka n'agaciro ka bwo | 1,158 | 1,980 | 170% |
| | • Gufasha amashyirahamwe y'abagore kubona inyongera-musaruro no guhabwa imbuto zituma hakorwa ubuhinzi burambye, buhangana n'ihindagurika ry'ikirere. | 7,390 | 6,544 | 88% |
| Intego 2.2: Guteza imbere Ubuhinzi bubungabunga urusobe rw' ibinyabuzima n'ibidukikije ku buryo burambye | • Abagore bahuguwe kandi bahabwa ubumenyi ku buhinzi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. | 2,280 | 2,880 | 126% |

| INGAMBA TWARI DUFITE N' UBURYO TWAKOZE | Ibikorwa byagezweho | Intego twari dufite | Ibyo twakoze | Ijanisha (%) ry' uko twakoze |
|---|---|---|---|---|
| Intego 2.3: Kubonera isoko umusaruro no guhabwa serivise z'ishoramali. | • Guhugura abagore no kubungura ubumenyi ku bikorwa by'ishoramari | 1800 | 1609 | 89% |
| | • Gufasha abagore kubona isoko ry'umusaruro n'uburyo bwo kwita ku musaruro wabonetse. | 350 | 320 | 91% |
| Ibikorwa by'ubuterankunga bushingiye ku mwana | • Kubahiriza amabwiriza y'ibikorwa by'ubuterankunga bw'abana | 100% | 100% | 100% |
| | • Kongerera ubushobozi no guhugura abafashamyumvire mu bikorwa by'ubuterankunga bw'abana. | 101 | 101 | 100% |

# 9. IBYAGEZWEHO KURI BURI NTEGO

## INTEGO NYAMUKURU 1. Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa no kubaha uburenganzira bakwiye mu by'ubukungu

### Intego 1.1:

**Kurwanya impamvu zitera ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa**

ActionAid Rwanda ku bufatanye n'indi miryango itandukanye iharanira uburenganzira bwa muntu yigenga n'iyegamiye kuri Leta, yateguye ibikorwa bigamije kurwanya impamvu zose ziganisha ku ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa.

Hifashishijwe inkunga ActionAid Rwanda yabonye zigamije gushyigikira ibyo bikorwa, abantu 43,101 baturuka hirya no hino mu gihugu, bahuguriwe uburyo bwo kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose rikorerwa umugore. Ubusanzwe twifuzaga guhugura abantu 46,160




Muri werurwe 2022, AAR yifatanyije n'abaturage bo mu karere ka Nyaruguru mu gikorwa cyo kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

Hakozwe ubukangurambaga, ibiganiro ku ma radiyo na televiziyo bigamije kurengera inyungu z'umugore no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina, twifatanyije n'abagore kwizihiza umunsi mpuzamahanga wahariwe umugore, umunsi mpuzamahanga wahariwe umugore wo mu cyaro, n'umunsi w'umwana w'umunyafurika.



AAR yafashije abagenerwabikorwa kubona amatungo abafasha kubona ifumbire no kongera umusaruro

Muri gahunda zo kurwanya akarengane gakorerwa umugore, AAR yatanze ubufasha ku miryango ikennye kurusha indi aho yahawe inka, ihene, imbabura zirondereza bicanwa n'ibikoresho bibika ubushyuhe maze ibyo kurya bikamara igihe kirekire. Iki cyabaga ari igihe cyo kwishimira ibyagezweho, kwisuzuma no gufata ingamba zizafasha mu ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro izakurikizwa muri gahunda z'ubutaha.

Muri ibyo bikorwa kandi twasuzumiraga hamwe imbogamizi ziri muri sosiyete nyarwanda zituma hatubahirizwa uburinganire bw'umugabo n'umugore, imbogamizi ziturka ku ihindagurika ry'ikirere no guhangana na zo. Abaturage bagaragaje ko ingaruka ziterwa n'ihindagurika ry'ikirere na zo zishobora kuba imwe mu mpamvu ituma bamwe bakomeza gutsikamira uburenganzira bw'umugore.

Mu gusoza izi gahunda abahagarariye imiryango nyarwanda n'imiryango mpuzamahanga iharanira uburenganzira bwa muntu, bashishikarije abaturage kudaha umwanya impamvu yose yahembera ubusumbane n'akarengane gakorerwa abagore n'abakobwa ndetse hatirengagijwe kwamagana impfu ziturka ku gukoreshwa imibonano mpuzabitsina ku gahato, inda ziterwa abangavu n'uburenganzira ku buzima bw'imyororokere.

ActionAid Rwanda yateguye amarushanwa mu bigo by'amashuri, abana bagaragaje impano zabo mu guhanga indirimbo, imivugo, gushushyanya n'imbyino bikubiyemo ubutumwa bwamagana akarengane gakorerwa abagore, n'ubuvugizi ku burenganzira bw'abana. Hakozwe kandi ingando y'abakobwa barebera hamwe ibibazo bikunze kubageraho n'uruhare rwabo mu kubikumira.

## UMUSHINGA WA 1

## Gukusanya Amakuru mbanziriza-mushinga ku ngaruka Covid-19 yagize ku batagira kivugira mu ifatwa ry'ibyemezo



Inama yari igamije gusuzumira hamwe amakuru mbanzirizam-ushinga ku ngaruka Covid 19 yagize ku batagira kivugira mu ifatwa ry'ibyemezo

**Ku itariki 23 Ukwakira 2022, AAR yateguye igikorwa kigamije gusuzumira hamwe ingaruka za Covid-19 ku ruhare rw'abatagira kivugira mu gihe cyo gufata imyanzuro. Iki gikorwa cyakozwe ku nkunga y'umuryango mpuzama-hanga uharanira iyubahirizwa ry'amategeko (ICNL) hagamijwe gushishikariza abagore, urubyiruko, abana, abayobozi b'amadini, abafite ubumuga, abikorera ku giti cyabo ingimbi, n'abangavu, abasaza ndetse n'abandi badakunze guhabwa umwanya ngo bagire uruhare muri gahunda zifata ibyemezo no gushakira hamwe ibisubizo ku ngaruka za Covid-19.**

**Ku musozo w'icyo gikorwa, byagaragaye ko abantu bakuze cyane ndetse n'abagore badakunze guhabwa umwanya mu bikorwa bifata ibyemezo nyuma ya Covid-19**

## UMUSHINGA WA 2

## Gusobanura Uburenganzira ku buzima bw'imyororokere n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu Rwanda



Ku matariki ya 25 - 29 Nyakanga 2022, abagenerwabikorwa ba AAR babarizwa mu mirenge ya Gitesi na Murundi bahawe ihene.

**Taliki 19 Nyakanga 2022, AAR ku nkunga y'ikigo cy'abongereza gitsura amajyambere (UKAID), kuri Hotel Chez Lando i Kigali yateguye igikorwa kigamije gusobanura uburenganzira ku buzima bw'imyororokere n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Hari ku bufatanye n'umuryango w'aba Guides mu Rwanda (AGR) n'umury-ango Faith Victory.**

Uyu mushinga wakorewe mu turere tune, mu mirenge icyenda: Mu Karere ka Karongi (Imirenge ya Murundi na Gitesi), Mu Karere ka Nyanza (Imirenge ya Mukingo, Busasamana na Rwabicuma), mu Karere ka Gisagara (Imirenge ya Muganza, Kibirizi na Gishubi no mu karere ka Nyaruguru, umurenge wa Ruheru.

Uyu mushinga wabashije gufasha abagizweho ingaruka n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyane abana b'abakobwa batewe inda bakiri bato, n'abagore bakorewe ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Binyuze mu matsinda mato agamije kungurana, ubumenyi (Club), abahungu baganirijwe ku burenganzira ku buzima bw'imyororokere n'ihohoter-wa rikunze gukorerwa abagore n'abakobwa. Ku musozo w'ibi bikorwa abakobwa babyaye imburagihe bahawe ihene zo kubafasha kwikenura, kwiteza imbere no guhangana n'ingaruka z'ibyababayeho.

## UMUSHINGA WA 3 Gushyigikira gahunda za Leta zisanzwe zigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku mibonano mpuzabitsina mu Karere ka Nyanza

Nubwo mu Rwanda hashize imyaka igera kuri 30 hari ho gahunda za Leta zigamije kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku mibonano mpuzabitsina ndetse no guharanira uburenganzira bw'umwana, haracyagaragara ibikorwa byo guhohotera abagore n'abakobwa muri sosiyete nyarwanda.

Abagore 35% n'abagabo 39% bakorerwe ihohoterwa rishingiye ku mubiri, naho abagore 22% n'abagabo 5% bakorerwa ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Abana barenga 50% bahuye n'ingaruka zituruka ku ihohoterwa rishingiye ku gitsina ryakorewe ababyeyi babo. Leta yashyizeho gahunda zitandukanye zigamije guhangana n'ibyo bibabzo nka Isange One Stop Center, Umugoroba w'imiryango, inshuti z'umuryango mu rwego rwo guhora baganira kuri icyo kibazo gihangayikishije no kugishakira umuti.

Imiryango nyarwanda yarahagurutse ishyira hamwe mu kwamagana ihohoterwa rishingiye ku gitsina, twavuga nk'umushinga wiswe **Indashyikirwa,** ariko ikibazo ntikirakemuka burundu.

**ActionAid Rwanda** mu guhangana n'iki kibazo cy'ingutu yatangije umushinga mu Karere ka Nyanza ugamije gushyigikira, guhugura, kwigisha, guhindura imyumvire n'imyitwarire no kongerera ubushobozi abaturage ku kijyanye no kurandura burundu ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku mibonano mpuzabitsina.

Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa hahuguwe abafashamyumvire 30 kandi buri wese yiyemeza kugeza ubwo butumwa ku bantu 50 ku buryo abantu 1,500 bazaba bafite ubumenyi buhagije ku kijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.

## UMUSHINGA WA 4 Amahugurwa ku burenganzira bwa muntu, ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku makimbirane mu miryango

Mu mwaka wa 2022, ActionAid Rwanda yatanze amahugurwa ku bagore 621 ku burenganzira bwa muntu, uko wakemura amakimbirane no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina. Umubare w'abahuguwe usumba abo twateganyaga kuko intego yacu kwari uguhugura abagore 600.

Uburyo aya mahugurwa yakozwemo kwari uguhugura abazahugura abandi no kongerera ubushobozi inama y'igihugu y'abagore kugirango bazafashe kugeza ubumenyi bahawe ku bandi bagore bahura na bo muri gahunda zabo za buri munsi. Abahawe amahugurwa bigishijwe amategeko n'ubundi bumenyi bufasha mu guhangana n'ikibazo cy'ihohoterwa rishingiye ku gitsina.



**AAR yahuguye abagore 621, ku burenganzira bwa muntu, kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no gukemura amakimbirane.**

## UMUSHINGA WA 5 Kongerera ubushobozi urubyiruko mu kwirinda no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina no ku mibonano mpuzabitsina

Muri Gashyantare 2022 ni bwo mu Turere twa Karongi na Gasabo, mu mirenge ya Rugabano, Gitesi, Kinyinya na Rusororo urubyiruko rwo muri iyo mirenge rwahurijwe hamwe hagamijwe kubahugura ku buzima bw'imyororokere, ku burenganzira bwabo, ubusumbane bushingiye ku gitsina haba mu mashuri n'ahandi.


ActionAid Rwanda, ku bufatanye n'umuryango udaharanira inyungu Faith Victory Association, hamwe n'abayobozi b'amashuri bafatanyirije hamwe gushyiraho amatsinda mato abana bigiramo utuntu n'utundi (Clubs), hagamijwe kubongerera ubumenyi n'ubushobozi ku bintu bitandukanye bihangayikishije. Ayo matsinda abasha gukorera mu bigo by'amashuri ndetse no hanze yabyo. Amatsinda yakozwe yose hamwe ni 60 agahuza abantu 1800, muri bo 1200 ni igitsina gore, na ho 600 ni igitsina gabo.



**AAR yakoze ubukangurambaga mu Karere ka Karongi bugamije gusobanura uburenganzira ku buzima bw'imyororokere.**

# Ishusho igaragaza imibare y'ibikorwa by'ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu turere twa Gasabo na Karongi mu mwaka wa 2021-2022

Mu turere twa Gasabo na Karongi hagaragaye umubare munini w'abangavu batewe inda, imibare yagiye yiyongera kuko muri 2021 bavuye ku 110 bagera ku 149 muri 2022. Abafashwe ku ngufu bavuye kuri 122 muri 2021 bagera kuri 190 muri 2022.




Source: Isange One Stop Center Karongi and Gasabo Districts

2021 2021

Nyuma yo gukora amatsinda mato yo kungurana ibitekerezo no kwigiramo utuntu n'utundi, no guhana amakuru, ActionAid Rwanda ku bufatanye n'umuryango Faith Victory Association, abayobozi b'inzego z'ibanze n'abayobozi b'ibigo by'amashuri twashyizeho itsinda ry'abahagarariye abandi ku rwego rw'igihugu rishinzwe gukora ubuvugizi ku burenganzira bwa muntu no ku buzima bw'imyororokere, bahabwa amahugurwa kandi bongererwa ubushobozi kugira ngo bajye hirya no hino mu rungano bafatanye guharanira uburenganzira bushingiye ku buzima bw'imyororokere.



AAR yateguye ibikorwa bihuriza abantu hamwe bigamije guharanira uburenganzira ku buzima bw'imyororkere, mu karere ka Karongi.

**Intego 1.2:** | **Guha agaciro, gusaranganya no kugabanya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa**

## Gufasha abaturage kubona amarerero hafi y'aho batuye bigabanya umutwaro ku mirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa

Mu isozwa ry'umwaka w'ibikorwa wa 2021, abagenerwabikorwa ba ActionAid Rwanda bagaragaje ikibazo cy'umutwaro uturuka ku mirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa, bakabura uko bitabira izindi gahunda zishobora kubafasha kwiteza imbere. Bagaragaje icyifuzo cy'uko baramutse bafashijwe kubona irerero hafi yabo byafasha abagore kubona ababarerera abana maze imirimo yo mu rugo ikagabanuka, bakabona uko bitabira imirimo yo kwiteza imbere.

Mu mwaka wa 2022, ActionAid Rwanda yateye intambwe zigamije gukemura icyo kibazo maze ifasha kubaka ibyumba bitanu by'irerero rya Nyakabuye, yubaka n'inzitiro ku marerero yari ahasanzwe mu rwego rwo gushakira abana umutekano, kubakira ubwiherero ibigo by'amashuri ndetse no kububakira ibikoni byo gutekeramo ibyo kurya by'abo bana barera.



Irerero rishya rya Nyakabuye ryubatswe mu murenge wa Mukingo , Akarere Nyanza

Mu guhangana n'icyo kibazo kandi cy'imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa, AAR yateguye ikiganiro ku rwego rw'igihugu kibanda gusa ku mirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'ingaruka bifite ku iterambere ry'umugore

## Imiryango ikennye n'imiryango ifite abana baba mu buterankunga bwa ActionAid yahawe amashyiga arondereza ibicanwa n'ibikoresho bibika ibyo kurya igihe kirekire bifasha abagore gucungura igihe.

ActionAid Rwanda yafashije imiryango 273 mu gihe hari hateganyijwe 210, ihabwa imbabura zirondereza ibicanwa kandi zihisha vuba n'ibikoresho bibika ibyo kurya mu gihe kirekire. Iyi gahunda yabagiriye akamaro kuko igihe batetse babasha gukora n'indi mirimo kandi ibyo kurya bishya vuba bakajya no mu bindi bikorwa bibafitiye inyungu. Ibi bikoresho kandi bifite ubushobozi bwo kubika ibyo kurya mu gihe kirekire. Ikoreshwa ry'aya mashyiga abika umuriro, rigabanya gukoresha inkwi nyinshi bityo bigafasha no mu kubungabunga ibidukikije. Abafashijwe ndetse n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze bishimiye cyane iyi gahunda.



Abagenerwabikorwa bo mu Murenge wa Ruheru, bahawe Rondereza.

## Abaturage bo mu murenge wa Murundi bagejejweho amazi meza binyuze mu gusana umuyoboro wari warangiritse

Abaturage bo muri Murundi bagaragaje ikibazo cyo kutagira amazi meza hafi yabo, iyo bagiye kuvoma kure, bibatwara igihe kinini kubera urugendo rutari ruto baba bakoze. Bigatuma batagira umwanya wo kwita ku zindi gahunda z'iterambere. ActionAid Rwanda yafashije mu gusana umuyoboro w'amazi ungana n'ibirometero 10km, ukaba utanga amazi ku irerero rya Kabaya rifite abana barenga 400 n'abaturage basanzwe bagera kuri 900

Uyu muyoboro w'amazi ntabwo uzagabanya imirimo iharirwa abagore gusa, ahubwo uzanafasha mu kugabanya indwara zandurira mu mazi yanduye haba ku bana bareerwa mu irerero rya Kabaya n'abanyeshuri biga mu rwunge rw'amashuri rwa kabaya. Umunsi ActionAid yamurikiraga abaturage uyu muyoboro w'amazi, twaboneyeho gukora ubukangurambaga ku bari bitabiriye icyo gikorwa ku isaranganya ry'imirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore, kugabanya no kuyiha agaciro. Twababwiye kandi no kwamagana inda ziterwa abangavu no kubana mu buryo bwemewe n'amategeko, ibyo bikagabanya amakimbirane akunze kubaho mu miryango.

# UMUSHINGA WA1

# Imikorerere itera impinduka ku guha agaciro, gusaranganya no kugabanya imirimo yo mu rugo bifasha abagore kubona umwanya wo kwitabira gahunda z'ubukungu



Abavuga rikijyana bahawe amahugurwa ku mirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore



Abanyamakuru bahawe amahugurwa ku mirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore

Ku bufatanye n'umuryango wa Loni uharanira inyungu z'umugore UNWOMEN Rwanda, ActionAid Rwanda yateye inkunga igikorwa kigamije kuzana impinduka zigamije guha agaciro, gusaranganya no kugabanya imirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore kugira ngo na bo bagire uruhare mu zindi gahunda z'ubukungu . Uyu mushinga wamaze amezi agera kuri atandatu kuva muri Gicurasi kugeza mu kwakira umwaka wa 2022. Bitewe n'uko hari byinshi byari bikeneye gukorwa kuri uyu mushinga, igihe cyari giteganyijwe kiyongeyeho andi mezi abiri.

## Ibyo uyu mushinga wagezeho:

- **Abantu 591 bahawe amahugurwa, muri bo 486 ni abagore, n'abagabo 105.**
- **Ibiganiro-mpaka byitabiriwe n'abantu 179 harimo abagore 92 n'abagabo 87,**
- **Ikiganiro-mpaka cyo ku rwego rw'igihugu cyitabiriwe n'abantu baturuka mu bigo bya Leta bitandukanye nka MIGEPROF, MINECOFIN, GMO, NCDP n'ahandi hatandukanye. Umugambi wari ukurebera hamwe uko ibibazo byagaragajwe n'ubushakashatsi bunyuranye byakemuka ku kibazo cy'imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa no kuba bahabwa umwanya mu bikorwa by'ubukungu.**
- **Ubukangurambaga bugamije kwigisha, ibiganiro ku ma radiyo, televiziyo no ku mbuga nkoranyambaga, bigamije gusobanura ikibazo cy'imirimo yo mu rugo iharirwa abagore.**
- **Amahugurwa y'abanyamakuru yabereye mu turere twa Musanze na Gasabo, abasaga 73 harimo abagore 28 n'abagabo 45, bahuguwe kuri gahunda yo Gusaranganya, Guha agaciro no kugabanya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore**

**Muri make uyu mushinga wafashije mu guhugura abafashamyumvire kuri gahunda yo gusaranganya , kugabanya no guha agaciro imirimo yo mu rugo idahabwa agaciro ikunze guharirwa abagore n'ingaruka bifite ku iterambere ry'umugore, ubuvugizi bukorwa n'abanyamakuru n'ibitangazamakuru binyuze muri gahunda yo kuganira ku itegeko.**

**Intego 1. 3:** | **Uruhare rw'umugore n'umukobwa mu miyoborere, ifatwa ry'ibyemezo no gushyiraho Politiki**

# Ibikorwa bigamije kwigisha abagore n'abakobwa uburenganzira ku buzima bw' imyororokere, n'uburenganzira bw'abana

Mu mwaka wa 2022, ActionAid Rwanda yakoze ubukangurambaga bugamije kwigisha abana uburenganzira bwabo no gushishikariza abakobwa kwigirira icyizere bakajya mu nzego z'ubuyobozi, inzego zifata ibyemezo n'izishyiraho itegeko. Mu rwego rwo kugeza ubu butumwa ku bana benshi, ActionAid Rwanda yateguye: **ibiganiro-mpaka, amarushanwa yo kugaragaza impano, imikino itandukanye n'ibindi.**



AAR ishyiraho umwanya abakobwa bisanzuriramo biga ib'ubuzima bw'imyororokere.



Mbabazi akoresha icyumba cy'umukobwa ku ishuri ribanza rya Mukaka muri Ruhehu

Muri ibyo bikorwa byose, abakobwa ndetse n'abana bagaragaje aho bahagaze n'uburyo basobanukiwe uburenganzira bwabo. Bagaragaje kandi uburyo na bo ubwabo bashobora kwikorera ubuvugizi igihe bibaye ngombwa. Binyuze mu biganiro-mpaka, mu mivugo, ibisigo, indirimbo n'imbyino zitandukanye bakoresheje ayo mahirwe maze bagaragariza ActionAid Rwanda n'abandi bari aho uburyo banejejwe no guhabwa umwanya ngo bavuge ku burenganzira bwabo.

# Ingando z'abakobwa nk'uburyo bwo gutambutsa ubutumwa ku burenganzira ku buzima bw'imyororokere



Ingando z'abakobwa zabereye mu Murenge wa Muko



Abanyeshuri bitabiriye ingando bari kwigisha bagenzi babo batazitabiriye.

Muri Nzeri 2022, mu murenge wa Muko, habereye umwiherero w'iminsi itatu wari wateguwe na ActioAid Rwanda witabirwa n'abana b'abakobwa 200 baturuka mu ishuri rya Kabere. Bahigiye ubumenyi butandukanye bugamije kuzamura imyumvire yabo, gusobanurirwa uburenganzira ku buzima bw'imyororokere, kwiga ku kibazo cy'inda ziterwa abangavu no kuganira ku mategeko arengera abana n'abagore muri rusange.
Mu gusoza iyo ngando abakobwa bitabiriye biyemeje kuba abafashamyumvire ku bandi batari bagize amahirwe yo kwitabira izo ngando no kubasangiza ku bumenyi bahungukiye.

# INTEGO NYAMUKURU | 2

**Kongerera abagore ubushobozi bwo kugera ku mibereho irambye, uburenganzira bwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere, Gushakira amasoko umusaruro uturuka-ku buhinzi, kugera ku nyongeramusaruro no kwihaza mu biribwa**

## Intego 2.1: Kugira uburenganzira ku butaka, imibereho irambye no kwihaza mu biribwa

ActionAid Rwanda yafashije abagore gusobanukirwa n'uburenganzira bwabo ariko cyane ibirebana n'uburenganzira ku mutungo utimukanwa. Binyuze mu mahugurwa atandukanye, abagore 1,980 bahawe amahugurwa ku burenganzira bafite ku butaka. Icyiyongera kuri ibyo, abagore 66 bahagarariye abandi bakora ubuhinzi bwo kwikenura bakorewe bahuguwe ku matego agenga ubutaka kandi arengera uburenganzira bwabo.
Ubumenyi bakuye muri ayo mahugurwa yahawe abagore bahagarariye abandi hiyongeyeho kuganira ku bibazo bakunze guhura na byo bigendanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina, amakimbirane mu miryango, guhezwa muri gahunda zifata ibyemezo n'izishyiraho itegeko hamwe n'ibindi bikorwa bigamije iterambere ry'umugore muri rusange.

ActionAid Rwanda yakoze ubuvugizi ku bikorwa bigamije kugabanya inzara, gushyigikira gahunda zigamije kwihaza mu biribwa, guhangana n'ihindagurika ry'ikirere, no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.
Ku itariki 25 Nzeri 2022, ActionAid Rwanda yifatanyije n'ikigo cy'igihugu gishinzwe kurengera imikurire y'umwana maze bakora ikiganiro kuri Radiyo Rwanda kigamije gukora ubuvugizi buganisha ku kwihaza mu biribwa. Ku makuru yatanzwe mu kiganiro ni uko u Rwanda ruhagaze kuri 33% mu kwihaza mu biribwa kandi ko imwe mu mpamvu ibitera ari ihindagurika ry'ikirere kuko rigira ingaruka ku bihingwa maze bigatuma umusaruro ugabanuka ndetse ibiciro by'ibiribwa bikiyongera maze abana bagahura n'ikibazo cy'imirire mibi.

ActionAid Rwanda ku bufatanye na Vi-Agroforestry bafashije kwibumbira mu mashyirahmwe abahinzi 7,477 bakora ubuhinzi bwo kwikenura, maze bakora amashyirahamwe atatu, bahabwa amahugurwa ku buhinzi butanga umusaruro no kugenderana n'abandi bakora umwuga umwe bo mu turere baturanye hagamijwe kwiga no kungurana ubumenyi. Iyo gahunda yabafashije kugira amahirwe yo guhura n'abayobozi b'inzego z'ibanze ndetse n'inzego z'igihugu babasha gutanga ibitekerezo n'ibyifuzo byabo ku mwuga bakora w'ubuhinzi buciriritse.



Abahinzi bigishijwe gukora ifishi ibafasha kwisuzuma ngo bajye bareba uko bahagaze niba bari gutera imbere



AAR yafashije amashyirahamwe 72 y'abagore mu gutegura ingemwe zifashishwa mu kuzahura amashyamba mu rwego rwo guhangana n'ihindagurika ry'ikirere

## Intego 2.2

### Guteza imbere Ubuhinzi bubungabunga urusobe rw' ibinyabuzima n'ibidukikije ku buryo burambye


AAR yafashije abahinzi gutubura imbuto y'ibirayi

**ActionAid Rwanda yagize uruhare mu gufasha abahinzi gukora ubuhinzi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima**

- Mu mwaka wa 2022, ActionAid Rwanda yafashije abaturage gukora imirima-shuri 6
- Mu mwaka wa 2022 abagore 2,880 bahuguwe ku buhinzi bubungabuga urusobe rw'ibinyabuzima mu gihe hari hateganyijwe abagore 2,220.
- ActionAid Rwanda yafashije amashyirahamwe abiri kwiyubakira imirima-shuri.
- Nyuma yo guhabwa amahugurwa ku buhinzi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima, abahinzi bahawe ubumenyi bubafasha kugera ku ishoramari no kubona igishoro cyo gushyira mu bikorwa imirimo y'ubuhinzi bwabo.
- Abenshi mu bahawe amahugurwa ni abangavu babyariye iwabo n'abandi bibumbiye mu mashyirahamwe y'abagore.

Ku musozo w'amahugurwa, ActionAid Rwanda yahaye ibikoresho by'ubuhinzi n'inyongeramusaruro abari bamaze igihe bigishwa, kugira ngo bibafashe gushyira mu bikorwa ibyo bize, maze basabwa kujya bakoresha ubwo bumenyi mu bikorwa by'ubuhinzi bwabo haba mu mashyirahmwe ndetse n'ubuhinzi ngandurarugo bakorera mu miryango yabo.


AAR yafashishije abahinzi imashini zo kuhira imyaka


Abahinzi bo muri Ruheru nabo bahawe ibikoresho byo kuhira imyaka

## Intego 2.3

### Kubonera isoko umusaruro no guhabwa serivisi z'ishoramali.


AAR yubakiye abahinzi bo muri Nyanza isoko ry'imyaka

**Muri gahunda yo gufasha abahinzi kongera umusaruro, kubonera isoko umusaruro wabonetse no kugira uruhare kuri serivisi z'imari, ActionAid Rwanda muri gahunda yo kwihaza mu biribwa yageze kuri ibi bikurikira:**

- **Guhugura abagore ku bikorwa by'ishoramari**
- **Gushishikariza abagore kwibumbira mu matsinda yo kubitsa no kugurizanya**
- **Gutoza abagore uburyo bwo kwizigamira**
- **Gufasha abagore kubungabunga umusaruro wabonetse no kuwubonera isoko**

# 10. Ibindi bikorwa by'ingenzi byakozwe muri 2022

Mu gihe dukora iyi raporo hari ibindi bikorwa by'ingenzi twagezeho bidakwiye kwirengagizwa kuko byagize uruhare runini mu kugera ku ntego yacu:

**1. Twagize uruhare mu nama z'ihuriro ry'abafatanyabikorwa b'iterambere ry'uturere (JADF) no mu ishyirwaho ry'imihigo y'umwaka wa 2022-2023.**

**2. Twakoze umwiherero ugamije gukora igenzura n'iteganyabikorwa rihuriwemo n'abafatanyabikorwa bose ba ActionAid Rwanda.**

## 3. Urugendo rwa Mr. Dario Lo Cicero rugamije gusura irero ryubatswe na AAR ku bufatanye n'umuryango we

Ku wa 5 Nyakanga 2022, Dario Lo Cicero ari kumwe n'abari bamuherekeje baturutse mu Butariyani basuye irerero ryubatswe mu Karere ka Nyanza hagamijwe guha abana uburere bw'ibanze kandi ibyo byafashije ababyeyi babo kubona igihe cyo gukora ibindi bikorwa bigamije iterambere. Iri rerero ryubatswe mu mudugudu wa kavumu kandi rigizwe n'ibyumba bitatu byo kwigiramo, ibyumba bibiri byo kuruhukiramo igihe abana bananiwe, ikibuga cyo gukiniramo, ubwogero ndeste n'ibindi bikoresho by'ingenzi mu irerero.



Mr. Dario ashyikiriza abana ibikoresho by'irerero.

## 4. Abakorerabushake baturutse mu Bwongereza badufashije kubaka ibyumba by'amashuri mu Murenge wa Muko, Akarere ka Musanze

Taliki ya 1 na taliki 5 Kanama 2022, ActionAid Rwanda ku bufatanye n'abakorerabushake baturutse mu Bwongereza, bafatanyije kubaka ibyumba by'amashuri bigera kuri bitatu (3) n'ubwiherero bufite imiryango 10 ku ishuri riherereye mu Murenge wa Muko, Akarere ka Musanze. Ibi byafashije AAR kugera ku ntego zayo zo kugeza uburezi bufite ireme ku bana b'abakobwa.



# 11. Ibikorwa by'ubuterankunga bw' abana

Mu mwaka wa 2022, ActionAid Rwanda yari yemerewe n'ibihugu bifasha ubuterankunga bw' abana, kongera abana 907 ku mubare isanze ifasha kandi abo bana barabonetse, imyirondoro yabo yohererezwa ibyo bihugu. AAR kandi yatanze amakuru y'ibikorwa byiza dukora bigamije gufasha abana cyane ibyakorewe mu duce twa Shingiro, Muko na Ruheru.



Abana bashoje icyiciro cy'ubuterankunga bafashishijwe ihene.

# 12. IMBOGAMIZI

**Haracyari umubare munini w'abakobwa n'abagore baceceka iyo bakorewe ihohoterwa. Bagira isoni z'uko bari bugaragare muri rubanda bagahitamo kwicekera.**

**Mu mwaka wa 2022, igihe cy'impeshyi cyabaye kirekire, umusaruro uba muke, habaho igabanuka n'ibura ry'ibiribwa, ku bibazo byari bisanzwe hiyongeraho n'icyo cy'inzara.**

**Haracyari amadini afite imyemerere itiza umurindi abagabo kuvunisha umugore, hari kandi uduce tumwe na tumwe tukigendera ku muco wa kera uvuga ko imirimo yo mu rugo ari iy'abagore n'abakobwa gusa, ko kizira kuba umugabo yajya nko mu gikoni, gukubura, kwita ku bana n'ibindi...**

**Mu rwego rwo guhangana n'izi mbogamizi, tuzakorana n'abagenerwa bikorwa, tubashishikarize kujya bagira ibiganiro haba mu miryango cyangwa mu duce baturukamo, bazajya baganira ku mirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore no ku mategeko arwanya akarengane gakorerwa umugore kandi hari icyizere ko bizatanga umusaruro.**

**Nubwo isi yose yagize ikibazo cy'ihungabana ry'ubukungu, ntitwabura kuvuga ku ngaruka zatewe n'igabanuka ry'ibiribwa ritewe n'intambara ya Ukraine. Byatumye tutabasha kubona uburyo buhagije bwo kugera ku bakeneye gufashwa kuko ubushobozi bwari buhari butari kugera ku bakeneye inkunga zacu bose.**

# 13. IMIYOBORERE MYIZA Y'UMURYANGO ACTIONAID RWANDA

ActionAid Rwanda ni umuryango nyarwanda udaharanira inyungu, ufite ubuzimagatozi kandi wanditswe mu kigo cy'igihugu cy'imiyoborere gishinzwe kugenzura imikorere y'imiryango itegamiye kuri Leata mu Rwanda (RGB) kuri nomero: 61/RGB/NGO/2017. ActionAid Rwanda ibarirwa mu ihuriro ry'imiryango nterankunga, ikaba n'umunyamuryango wa Pro-femmes Twese Hamwe ndetse n'umufatanyabikorwa muri Sosiyete sivile nyarwanda.

Ubuyobozi bwa ActionAid Rwanda bushyirwaho n'inteko rusange y'abanyamuryango bayo kandi iyo nteko ni yo ifatirwamo imyanzuro ya nyuma. Hari na komite nyobozi ishinzwe kugenzura ishyirwamubikorwa rya gahunda za AAR za buri munsi. Gahunda z'inteko rusange ya ActioAid Rwanda ndetse na komite nyobozi, zishyirwa mu bikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigena imikorere y'Imiryango itegamiye kuri Leta, Itegekonshinga rya AAR n'indongozi igena imiyoborere ya AAR.

Mu mwaka wa 2022, ubuyobozi bwa ActionAid Rwanda bwari bugizwe n'inteko rusange igizwe n'abantu 20, harimo abagore 9 n'abagabo 11, komite nyobozi yari igizwe n'abantu 11 harimo abagore 6 n'abagabo 5. Komite nyobozi ya AAR igomba guterana rimwe mu gihembwe, naho Inteko rusange igaterana rimwe mu mezi atandatu. Muri 2022 komite nyobozi yateranye mu kwezi kwa 6, nk'uko bigenwa n'indongozi igena imiyoborere ya ActionAid Rwanda.
Mu mpera z'umwaka wa 2022, abagize komite nyobozi yateguye umwiherero ugamije gusuzumira hamwe uko ibikorwa bya AAR byagenze mu mwaka wose wa 2022 n'iteganyabikorwa ry'umwaka wa 2023. Hakurikijwe uko itegeko rigena imiyoborere ribiteganya, hongerewe umubare w'abakozi baburaga ndetse twakira n'abimenyereza umwuga badufasha mu ishyirwa mu bikorwa rya zimwe muri gahunda za AAR. Kuri ubu, AAR igizwe n'abakozi 19 bujuje ibisabwa n'itegeko. Iyo hari abakozi bashya bahawe akazi ndetse n'abimenyereza umwuga, bahabwa igihe cyo gutozwa no gusobanurirwa imikorere na gahunda za AAR.
Twita cyane ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda n'intego zayo igendeye ku mabwiriza n'amategeko agenga ihuriro ry'imiryango nterankunga, nko kutagira irobanura n'itsikamira rishingiye ku gitsina cyangwa akarengane. AAR yita cyane ku buzima no kurinda abakozi bayo, kandi ibyo byose birubahirizwa nk'uko biteganywa n'itegeko.

# 14. UKO INGENGO Y'IMARI YA AAR YARI IHAGAZE MURI 2022

## INTANGIRIRO

Umwaka wa 2022 waranzwe n'izamuka ry'ibiciro ku kigero cyo hejuru. U Rwanda rwaje mu bihugu icumi ku isi byazamutseho 30% ku gipimo mpuzamahanga. Ibiciro mu Rwanda byazamutseho 20%, bitewe n'intambara yo muri Ukraine n' ingaruka zasizwe n'icyorezo cya Covid-19. Ubukene bwariyongereye, ibyo kurya birabura. Ibikomoka kuri peteroli byarazamutse, umusaruro uba muke maze ibiciro by'ibiribwa birazamuka cyane.

Ihindagurika ry'ikirere na ryo ryabaye imbogamizi ku bukungu bw'igihugu, imvura yabaye nkeya, impeshyi iratinda, bityo umusaruro urahungabana, Mu Rwanda kandi hari ikibazo gikomeye cy'ubutaka burimo bufite ubusharire bwinshi bitewe n'uko nta na rimwe ubutaka buba budahingwa, ikoreshwa ry'ifumbire mvaruganda nyinshi kuruta ifumbire mborera. Ibyo byose byatumye u Rwanda rutabasha kwihaza mu biribwa maze rushingira ku bitumizwa hanze y'igihugu. Iri zamuka ry'ibiciro ryagize ingaruka nyinshi ku miryango isanzwe ikennye.

## 14.1. UKO UMUTUNGO WINJIYE

| INKOMOKO Y' UMUTUNGO WA AAR | 2022 | | | 2021 | Ikinyuranyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ayabonetse 2022 | Ayateganyijwe YTD | Ayagenekerejwe 2022 | Ayabonetse muri 2021 | Ayabonetse vs ateganyijwe | Ayabonetse VS Kugenekereza | Ayabonetse vs 2021 |
| Inkunga zihoraho | 1,185 | 1,295 | 1,110 | 1,068 | -14% | 1% | 5% |
| Inkunga zidahoraho | 44 | – | 41 | 18 | 0% | 5% | 139% |
| Abaterankunga n' abafatanyabikorwa | 248 | 207 | 210 | 236 | 20% | 18% | 5% |
| Imiryango nterankunga | 70 | 100 | 105 | 279 | -30% | -33% | -75% |
| Izindi nkunga | 19 | – | – | 8 | 0% | 0% | 138% |
| Umubumbe | 1,566 | 1,602 | 1,466 | 1,609 | -6% | 2% | -7% |

**INCAMAKE Y'UMUTUNGO WABONETSE MURI 2022**

**Inkunga zihoraho**
**1,185,000GBP**

**Inkunga zidahoraho**
**44,000 GBP**

**Abaterankunga n' abafatanyabikorwa**
**248,000GBP**

**Imiryango nterankunga**
**70,000GBP**

**Izindi nkunga**
**19,000GBP**

**Umubumbe w'amafaranga yose yabonetse muri 2022**
**1,566,000GBP**

GBP: Great British Pound (Amafaranga akoreshwa mu Bwongereza)

# 14.2. UKO UMUTUNGO WAKORESHEJWE

| IBYAKOZWE 2022 (Aho umutungo werekejwe) | 2022 | | 2021 | | Ikinyuranyo | | | IGITERANYO CY'AMAFARANGA YASOHOTSE |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ayateg anyijwe | Ayakore shejwe | Ayateg anyijwe | Ayakore shejwe | Ayasohotse vs Ateganyijwe | Ayasohotse vs Agenekerejwe | Ayasohotse vs 2021 | |
| Porogaramu za AAR | 1,569 | 1,613 | 1,495 | 1,155 | -3% | 5% | 36% | 1,810,000GBP |
| Ibikorwa byo gushaka inkunga | 100 | 86 | 58 | 100 | 16% | 72% | 0% | 100,000GBP |
| Imiyoborere ya AAR | 18 | 4 | 1 0 | 1 0 | 350% | 80% | 80% | 18,000GBP |
| Ibikorwa byunganira gahunda za AAR | 123 | 169 | 153 | 217 | -27% | -20% | -43% | 123,000GBP |
| **Ayakoreshejwe yose** | **1,810** | **1,872** | **1,716** | **1,482** | **-3%** | **5%** | **22%** | **2,051,000GBP** |

Mu mwaka wa 2022, umutungo wakoreshejwe wagabanutseho 5% by'ayari ateganyijwe gukoreshwa, bitewe nuko ibikorwa byo muri Murundi na Shingiro byabonye ubwunganizi buturutse ahandi. Mu mwaka wa 2021 ni bwo umutungo wari uteganyijwe gukoreshwa wabaye muke bitewe n'uko ikigo cyamaze umwaka kidakora kubera ingaruka za Covid-19, byatumye ububiko bugira amafaranga menshi n'ubwo yaje gukoreshwa muri 2022 igihe AAR yari isubukuye ibikorwa byayo kandi umutungo werekejwe aho wagombaga gukoreshwa.

# 14.3. IBIPIMO FATIZO TUGENDERAHO

Hari ibipimo fatizo umuryango AAR ugenderaho usuzuma niba koko umutungo warakoreshejwe neza kandi ukerekezwa mu bikorwa byari biteganyijwe. Ubusanzwe gahunda za AAR zigomba gutwara atarenze 87% by'umutungo wose, yaba make ntagere munsi ya 65%. Ibikorwa byo gushakisha inkunga ntibigomba kurenza 6%, Ibikorwa byunganira gahunda za AAR na byo ntibigomba kurenza 15% ariko twakoresheje 7% mu bikorwa byunganira gahunda za AAR.

| IBIPIMO FATIZO BIGARAGAZA IMIKORESHEREZE MYIZA Y'UMUTUNGO WA AAR | 2022 | | 2021 | | Ikinyuranyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ayaso hotse | Ayatega nyijwe | Ayatega nyijwe | Ayaso hotse | Ayasohotse vs Ateganyijwe | Ayasohotse vs Agenekerejwe | Ayasohotse vs 2021 |
| **Umutungo wafashije mu kugera ku ntego kwa gahunda za AAR arengeje 65% ayagiye ku bindi bikorwa byose bya AAR** | 87% | 86% | 87% | 78% | 1% | -1% | 1% |
| **Umutungo wakoreshejwe mu bikorwa bigamije gushaka inkunga ni 22% - 27% y'inkunga zabonetse muri ibyo bikorwa.** | 6% | 5% | 4% | 6% | 19% | 62% | 3% |
| **Umutungo wafashije mu kugera ku ntego za AAR arengeje 15% ibyunganira gahunda z'iterambere za AAR.** | 7% | 9% | 9% | 15% | -25% | -24% | -54% |

# 14.4. UKO IKIGEGA CYA AAR CYARI GIHAGAZE

| UKO IKIGEGA CYARI GIHAGAZE | 2022 | | 2021 | | Ikinyuranyo | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | Ayari mu bubiko | Ayategany ijwe | Ayateg anyijwe | Ayari mu kigega | Ayari mu kigega Vs Ayateganyijwe | Ayari mu kigega Vs Agenekerejwe | Ayari mu kigega Vs 2021 |
| Ikigega kigenewe LRP | 261 | 268 | 251 | 476 | -3% | 4% | -45% |
| Ikigega kigenewe icyicaro gikuru cya AAR | 202 | 38 | 180 | 123 | 432% | 12% | 64% |
| Ikigega Kidatambamiwe | | | | | 0% | 0% | 0% |
| Ikigega kigenewe urwego rw'igihugu | 463 | 306 | 431 | 599 | 51% | 7% | -23% |
| Amafaranga y'abaterankunga atarakoreshejwe | 40 | 6 | 25 | | 567% | 60% | 0% |
| Amafaranga yose ahari | 503 | 312 | 456 | 599 | 61% | 10% | -16% |

Umwaka wa 2022, AAR yawusoje ibitse mu kigega cyayo 503,000GBP ahwanye n'amezi ane n'ibice bibiri (4.2) kandi uru ni urugero rwiza kuko ubusanzwe ibipimo bigaragaza ko nibura mu kigega haba hakwiye kubamo amafaranga y'amezi abiri ariko na none ntarenze amezi ane. Amezi make akwiriye kuba abiri, amezi menshi akaba ane kuzamura hakurikijwe amafaranga ikigo gishobora kubona ko adateje ikibazo. Aya mafaranga agabanyijwemo ibice bitandukanye harimo amafaranga 261,000GBP agomba kwerekezwa mu byaro aho AAR ikorera ibikorwa byayo (LRP), ayo kandi ahwanye n'amezi 2.7. Amafaranga ari mu kigega agenewe urwego rw'igihugu rwa AAR ni 202,000GBP na yo ahwanye n'amezi 10. Amafaranga yaturutse ku nkunga zatanzwe akaba atarakoreshejwe ni 40,000GBP. Amafaranga yabitswe mu kigega ku mpera z'umwaka wa 2022 yariyongereye ugereranyije n'ayari ateganyijwe bitewe n'uko imishinga yagombaga gukorwa muri Murundi na Shingiro yagabanyije umutungo usohoka, bihabanye n'umwaka wa 2021 aho ibikorwa byabaye byinshi, ikigega gisigaramo amafaranga make ugereranyije na 2022.

# 14.5. UMUBARE W'ABAKOZI BA AAR

**Ku mpera z'umwaka wa 2022, AAR yari igizwe n'abakozi 19, hari umwanya 1 wari ku isoko**

| UMUBARE W'ABAKOZI | 30 UKUBOZA 2022 | 30 UKUBOZA 2021 |
|---|---|---|
| Abakozi muri gahunda y'iterambere | 12 | 9 |
| Abakozi muri gahunda yo kunganira | 4 | 8 |
| Abakozi mu miyoborere myiza | - | 1 |
| Abakozi bo muri gahunda yo gushakisha inkunga | 3 | 9 |
| Abakozi bose hamwe | 19 | 20 |

## 15. ISOMO TWUNGUKIYE MU ISHYIRWA MU BIKORWA RYA GAHUNDA ZA AAR

Kubona imiyoboro y'amazi byagize uruhare rukomeye mu kugabanya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore n'abakobwa. Iyo amazi ari hafi bigabanya urugendo, bityo abagore bakabona umwanya uhagije wo kwitabira izindi gahunda zibabyarira inyungu kandi bikoroshya umutwaro uterwa n'imirimo yo mu rugo. Twishimiye uruhare rw'ibitangazamakuru n'abayobozi b'amadini, bahura n'imbaga nyamwinshi kandi bakumvira ibitekerezo byabo kubera icyizere bakunze kubagirira. Badufashije muri gahunda zo gushishikariza abantu gusaranganya, guha agaciro no kugabanya imirimo yo mu rugo ikunze guharirwa abagore, kwamagana ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa.

Guhuza ubutaka ndetse no gushakira isoko umusaruro wabonetse, byongereye ubushobozi abagore bakora ubuhinzi bucirirtse. Ibi byafashije benshi kubona umusaruro uhagije, gukora imirimo y'ubukorikori ibyara inyungu no kwigenga mu by'ubukungu ku buryo burambye.

## 16. INGAMBA N'IMYANZURO IZAKURIKIZWA

ActionAid Rwanda ikomeye ku mugambi wo gushyira mu bikorwa ingamba zose zigamije guhagarika burundu ihohoterwa rikorerwa abagore n'abakobwa. Tuzakomeza gushyira imbaraga mu kurandura no kwamagana akarengane gakorerwa mu miryango n'inda ziterwa abangavu. Dukomeje gushyira umwete mu kwamagana no kugabanya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore no kubashishikariza kwitabira ibikorwa bibyara inyungu kandi biganisha ku iterambere rirambye.

Tuzakomeza gukora ibikorwa bigamije kuzamura imibereho myiza y'abaturage no kuzahura imiryango ikennye, kongerera ubushobozi abakora ubuhinzi buciriritse tubahugura uburyo bwo gukora ubuhinzi buhangana n'ihindagurika ry'ikirere kandi bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima. Tuzabafasha kubona imbuto z'indobanure, kugira ngo tuzamure igipimo cyo kwihaza mu biribwa. Tuzafasha abagore bakora umwuga w'ubuhinzi kubonera isoko umusaruro wabonetse, tuzaba abafatanyabikorwa mu gushyiraho amategeko arengera umugore n'umukobwa. Binyuze mu buvugizi, mu biganiro kuri televiziyo na Radiyo tuzakora ubukangurambaga-bugamije kugabanya no gusaranganya imirimo yo mu rugo iharirwa abagore.

ActionAid Rwanda izakomeza gushaka abafatanyabikorwa, abaterankunga n'abandi bose bafite ubushake bwo kuzamura imibereho y'abantu baba mu bukene, kurwanya akarengane gakorerwa abagore n'abakobwa hagamijwe kugera ku buzima buhawe agaciro.

# 17. RAPORO Y'UMUGENZUZI W'IMARI 2022



## 2. DIRECTOR'S REPORT

The directors submit their report together with the audited financial statements for the year ended 31 December 2022, which disclose the state of affairs of the Organization.

### 2.1. Principal Activities

ActionAid Rwanda (AAR) is an associate of ActionAid International (AAI) - an anti-poverty agency working with poor, voiceless people, communities and similar-minded partners worldwide. AAR's vision is to have a country without poverty and injustice in which every person enjoys their right to a life of dignity.

AAR's mission is to work with people living in poverty with a focus on women and girls to eradicate poverty and injustice.

### 2.2. Results

The results for year are presented on page 9.

### 2.3. Going concern

The financial statements have been prepared on the basis of accounting policies applicable to a going concern. This basis presumes that funds will be available to finance future operations and that the realisation of assets and settlement of liabilities, contingent obligations and commitments will occur in the ordinary course of the organisation's operations.

The directors believe that the organisation has adequate financial resources to continue in operation for the foreseeable future and accordingly the financial statements have been prepared on a going concern basis. The directors have satisfied themselves that the organisation is in a sound financial position and that it has access to sufficient donors' funds to meet its foreseeable cash requirements. The directors are not aware of any new material changes that may adversely impact the organisation. The directors are also not aware of any material non-compliance with statutory or regulatory requirements or of any pending changes to legislation which may affect the organisation.

### 2.4. Terms of appointment of the auditors

Gpo partners Rwanda Limited was appointed as the auditors of ActionAid Rwanda in 2022 by the General Assembly in accordance with the provisions of the laws of Rwanda.

By the order of the Board

..............................

Françoise Tengera Kayitare
**Chairperson of the Board**

actionaid Rwanda B.P. 5767 Kigali – End Poverty • Together





## 3. DIRECTORS' RESPONSIBILITIES AND APPROVAL

The directors are required to prepare financial statements for each financial year which in all material respects, are in accordance with the accounting policies described under note 1 to the financial statements. The directors are also required to ensure that the organisation keeps proper accounting records that disclose, with reasonable accuracy, the financial position of organisation. They are also responsible for safeguarding the assets of the organisation.

The directors accepts responsibility for the financial statements, which have been prepared using appropriate accounting policies supported by reasonable and prudent judgements and estimates, in conformity with the accounting policies of the organisation.

The directors are of the opinion, based on the information and explanations given by management, that the system of internal control provides reasonable assurance that the financial records may be relied on for the preparation of the financial statements.

Nothing has come to the attention of the directors to indicate that the organization will not remain a going concern for at least the next twelve months from the date of this statement.

**Approval of Financial Statements**

The financial statements were approved for issue by the Board and signed on its behalf by:

| | |
|---|---|
| Names: Musumuke Richard | Françoise Kayitare Tengera<br>Names: |
| Position: Treasurer to the Board | Position: Board Chairperson |
| Date: 23/05/2023 | Date: 23rd May 2023 |

actionaid Rwanda B.P. 5767 Kigali – End Poverty • Together

**INDEPENDENT AUDITOR'S REPORT - CONTINUED**

- Conclude the appropriateness of the directors' use of the going concern basis of accounting and, based on the audit evidence obtained, whether a material uncertainty exists to events or conditions that may cast significant doubt on the organisation's ability to continue as a going concern. If we conclude that a material uncertainty exists, we are required to draw attention in our auditor's report to the related disclosures in the financial statements or, if such disclosures are inadequate, to modify our opinion. Our conclusions are based on the audit evidence obtained up to the date of our auditor's report. However, future events or conditions may cause the organisation to cease to continue as a going concern.

We communicate to those charged with governance regarding among other matters, the planned scope and timing of the audit and significant audit findings, including any significant deficiencies in internal control that we identify during our audit.

FOR GPO PARTNERS RWANDA LTD

**Patrick GASHAGAZA**
**Partner**

...02...06.../2023

ACTION AID RWANDA
FINANCIAL STATEMENTS
FOR THE YEAR ENDED 31 DECEMBER 2022

## 5. STATEMENT OF INCOME AND EXPENDITURE

| | Notes | 2022 GBP | 2021 GBP |
|---|---|---|---|
| **Income** | | | |
| Regular giving income | 2 | 1,192,368 | 1,081,836 |
| Partnership official | 3 | - | 213,301 |
| Partnership other | 4 | 319,623 | 305,126 |
| Other income | 5 | 18,821 | 8,508 |
| | | **1,530,811** | **1,608,772** |
| Transfers in | 6 | 35,734 | 91,485 |
| **Total income** | | **1,566,545** | **1,700,257** |
| **Expenditure** | | | |
| Programme costs | 7 | 1,501,189 | 1,137,967 |
| Support costs | 8 | 121,673 | 233,028 |
| Fundraising costs | 9 | 99,876 | 101,124 |
| Governance costs | 10 | 9,865 | 9,917 |
| **Total Expenditure before transfers out** | | **1,732,602** | **1,482,036** |
| Transfers out | 11 | 77,991 | 72,359 |
| **Total Expenditure after transfers out** | | **1,810,593** | **1,554,395** |
| **(Deficit)/Surplus for the year** | | **(244,048)** | **145,861** |

Notes on pages 13 to 18 form an integral part of these financial statements

ACTION AID RWANDA
FINANCIAL STATEMENTS
FOR THE YEAR ENDED 31 DECEMBER 2022

## 6. STATEMENT OF FINANCIAL POSITION

| | Notes | 2022 GBP | 2021 GBP |
|---|---|---|---|
| **ASSETS** | | | |
| **Current assets** | | | |
| Advances | 12 | 16,561 | 9,956 |
| Inter entity accounts receivables | 13 | 445,308 | 570,935 |
| Other sundry receivables | 14 | 4,512 | 4,106 |
| Cash and Bank | 15 | 58,822 | 254,404 |
| **TOTAL ASSETS** | | **525,203** | **839,401** |
| **NET ASSETS AND LIABILITIES** | | | |
| **Net assets** | | | |
| Accumulated net assets | 16 | 502,716 | 749,154 |
| **Total Net assets** | | **502,716** | **749,154** |
| **Liabilities** | | | |
| **Non Current liabilities** | | | |
| Amount due to employees | 17 | - | 44,061 |
| **Current liabilities** | | | |
| Other payables | 18 | 22,487 | 46,186 |
| **Total liabilities** | | **22,487** | **90,247** |
| **TOTAL NET ASSETS AND LIABILITIES** | | **525,203** | **839,401** |

Notes on pages 13 to 18 form an integral part of these financial statements

The financial statements of ActionAid Rwanda were approved and authorised for issue by the Board on 23../05../2023 and were signed on its behalf by:

Names: MUGUNGA RICHARD
Position: Treasurer to the Board
Date: 23/05/2023

Names: FRANCOISE [illegible] TENGERA
Position: Board [illegible]
Date: 23rd May 2023

9

KG 107 St, Kigali. P. O. Box: 3707 Kigali – Rwanda
Telephone: (+250) 280 300 142 (Landline)
Email: actionaidrwanda@actionaid.org
Twitter.com/actionaidrwanda | Facebook.com/AARwanda